## Ubutumwa Bikira Mariya yahaye Nyiramukiza Valentine bwo kugeza ku basenga bose n'abemera bose, na ba nyirantibindeba, bwo gusabira Kiliziya n'Abategetsi b'ibihugu n'abategekwa.

***Tariki ya 03/11/2025, saa kumi na mirongo ine n'itanu za mu gitondo ( 04h45´ )***

---------------------------------------------------------------------------------------------------------------------

**BIKIRA MARIYA:**

Nyiramukiza mwana wanjye nkunda,

Yezu Kristu akuzwe.

**VALENTINE:**

Karame Mama,

Akuzwe iteka ryose na bose.

**BIKIRA MARIYA:**

Nongeye kugusuhuza muri iyo ndamutso kuko hari benshi bayirwanya bashaka ko iryo zina n'iyo ndamutso bicika burundu kandi bidashoboka.

Ndashaka kuvuga abahakanyi n'abapagani bashaka kwimika ibigirwamana byabo biyeguriye.

Nongeye kuza kugutuma mburira abantu ngo bareke ibyo barimo bigira, basenge cyane bashishikaye babivanye ku mutima, kuko ndabona ibihe bitoroshye birimo bibasatira impande zose.

**VALENTINE:**

Yego urakoze cyane Mama.

Ndihano ngo nkore ugushaka kwawe, untume aho ushaka no ku bo ushaka , kuko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

None se Mama, twasenga kurushaho gute? Dusenga nabi ubu ngubu? Ni ukutugira inama y'uko twabigenza tugasenga kurushaho.

Ko tuvuga Impuhwe z'Imana n'Ishapule y'umunsi ku manywa , nijoro, tukavuga Rozari n' Ishapule y'ubububare burindwi wibukije yari yaribagiranye n'ayandi masengesho, twakongeraho iki kindi Mama?

**BIKIRA MARIYA:**

Bana banjye ndabakunda!

Bana banjye ndabakunda!

Bana banjye ndabakunda!

Ndabaramukije mwese bana banjye ngira nti: **YEZU KRISTU AKUZWE BANA BANJYE!**

Iyi ndamutso mbaramukijemo ni iyo kubibutsa ngo mutazajya muyibagirwa mu ndamutso zanyu bana banjye.

Mwana wanjye nkunda cyane, nyumva neza ibyo nje kukubwira n'ibyo wambajije byose.

Nyumva neza mwana wanjye nkunda ngusubize ibyo wambajije utasobanukiwe neza.

Nibyo murasenga kandi mufasha benshi, ntabwo musenga nabi kuko muhashya umwanzi shitani buri munsi, mukarwanya byinshi bibi biba byugarije abantu n'isi, niyo mpamvu babatoteza babarwanya.

Na we bucura bwacu bakaguhiga bagutoteza, bagutuka babeshya bakubeshyera, bakwangisha abantu baguhimbira ibyaha n'abo musengana bose, n'uwaba avuga ukuri wese ku byo azi yabonye yumvise akabizira.

Icyo mwakongeraho ni ugusengana icyizere, ukwigomwa, gusabana bamwe n'abandi, mbese mukarushaho gutahiriza umugozi umwe.

Bana banjye nkunda, Nje kubabwira munyumve! Ntimwirare kuko mufite ababatinya bakabatoteza ngo muceceke mureke gusenga, gushengerara no kuvugisha ukuri.

Ni icyo mbakundira, mbashimira mu butwari mugira bwo gushyira hamwe musenga, musabira abantu bose, no gusaba amahoro mu mitima y'abantu, no kuyasabira isi yose n'ubwo bitaborohera.

Gusenga musabira ababanga, ababarwanya, ababatoteza ngo bahinduke, niryo sengesho nyaryo rikubiye mu bikorwa, kuko gusabira abandi ni igikorwa gikomeye, bishobora bakeya! Gushengerera kwanyu muhuriza hamwe mutari hamwe, nibyo bituma abantu babarwanya kuko murabajegajeza cyane, ndavuga bamwe bakamira mu bitoze n'ibiva!

Mwana wanjye nkunda, nta gishya nje kukubwira no kugutuma ku basenga n'abandi bose nakubwiye ngitangira.

Nagirango nkubwire nti : Nimusubire mu butumwa nabahaye, mubusubiremo bwose uko nabubahaye mubuzirikana neza, mwumva n'ingingo zikubiyemo ibyo musabwa n'ibyo muzasabira. Mwongere musabire abo bantu bose babukubiyemo, n'ibice byose birimo by'abasengerwa, n'ibyo musengera bitandukanye.

Ndifuza ko wakongera ugategura umwiherero kuko urakenewe muri kino gihe gikomeye cyugarije isi n'abayituye.

Ubwo butumwa nabuguhaye **2024**, bwari bukubiyemo ibyo ugomba gusengera, guhongerera ufatanyije n'abo musengana, n'abandi bose bazabukurikiza bakabwubahiriza bagasaba amahoro.

Ubwo butumwa nabuguhaye ku tariki ya **21/08/2024**.

Ni ibyo byari binzanye mwana wanjye nkunda.

Nguhaye Umugisha wanjye wa Kibyeyi:  Kw'Izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu.

Amina.

Ngaho komeza amasengesho yawe.

Uramukeho mwana wanjye nkunda!

**VALENTINE:**

Urakoze cyane Mama!

Uramukeho!